# U Buyapani bugeze kure umushinga wo guhangana n'amapfa mu Rwanda



*Umunyamabanga wa Leta muri MINAGRI Tony Nsanganira, yerekwa ibikorwa by'umushinga wo kuhira (Foto Manishimwe N)*

**MANISHIMWE Noël**

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi Tony Nsanganira, yasuye ibikorwa by'umushinga w'Abayapani wo kuhira imyaka mu mirenge ya Rurenge na Remera mu karere ka Ngoma, ashima uburyo uyu mushinga ufite umwihariko wo kuba uzifashisha n'ingufu zituruka ku mirasire y'izuba.

Ibikorwa by'uyu mushinga kuri ubu bigeze ku gipimo cya 30%, byitezweho gukemura ikibazo cy'izuba ryinshi rikunze kugaragara mu ntara y'Uburasirazuba, kunoza no kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi, ndetse no gufasha abatuye mu bice by'icyaro kwikura mu bukene.

Umujyanama w'Ambasade y'Ubuyapani mu Rwanda Tomio Sakamoto, yavuze ko impamvu yatumye bashyira uyu mushinga wo kuhira mu karere ka Ngoma, ari uko ngo inyingo yakozwe yagaragaje ko mu ntara y'Uburazirazuba hakunze kwibasirwa n'amapfa.

Yagize ati:"Inyingo zakozwe mbere zagaragaje ko mu ntara y'Uburasirazuba bw'u Rwanda hava izuba ryinshi, uyu mushinga Guverinoma y'Ubuyapani yawushyizemo imbaraga nyinshi kuko witezweho kongera umusaruro ku butaka buhingwa haba imusozi no mu bishanga."

Umunyamabanga wa Leta muri minisiteri y'Ubuhinzi n'ubworozi Tony Nsanganira yagize ati:"Uyu mushinga uvuze kongera umusaruro, ikidakunze kuboneka turi kubona aha ngaha ni uko bazifashisha imirasire y'izuba kugira ngo babashe kugeza amazi mu miyoboro babashe kuyageza mu mirima, ku bishushanyo batweretse mo gahunda yo gukoresha imirasire y'izuba ifite kilowati 45.

Ni ikintu gisa n'aho ari gishya kandi gikenewe kuko dushishikariza abakora gahunda nk'izi ko aho bishoboka bakwifashisha imirasire y'izuba ikunganirwa n'umuriro usanzwe w'amashanyarazi, kugira ngo mu gihe hatabonetse izuba rihagije ibikorwa ntibihagarare."

Abaturage baturiye ahari gukorwa uyu mushinga wo kuhira imyaka bavuga ko bawutegerejeho iterambere kuko ngo batazongera kubatwa n'ubukene, ahubwo igihe cyose bazajya bahingira igihe, bagakoresha inyongeramusaruro nk'uko babishishikarizwa kugira ngo babone umusaruro uhangije.

Uyu umushinga w'urigukorwa n'igihugu cy'Ubuyapani mu karere ka Ngoma uzajya wuhira ubutaka buri ku buso bwa hegitari 300 zigizwe na 35 mu gice cy'igishanga na 265 z'imusozi.

Biteganyijwe ko hazajya hahingwa imbuto n'imboga bizajya byoherezwa mu mahanga.Uyu mushinga ufite agaciro ka miliyari 9.5 z'amafaranga y'u Rwanda uzatangira gukora mu kwezi kwa Kanama 2017.